

Identification : RTLM/15 0016 30/5/-94

Duration : 60 min.

Quality : Not good: some parties with echoes, others are superposed.

Transmission : RTLM

Name of transcriber : MUTETELI Pénine-Joie

Name of file : 0016rtlm. wpd

Date of transcription : 28/2/2000

Dictaphone : ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51

RESUME DE LA CASSETTE N°0016.

FACE A.

- \* Réunion entre le Gouvernement et le FPR présidé par le général Roméo DALLAIRE, mais qui est accusé par le Gouvernement d'avoir un parti pris.
- \* Kantano nous parle du pillonnement des Inyenzis par les forces gouvernementales.
- \* On accuse les Inyenzis de saboter les négociations d'Arusha et du Kenya.

FACE B.

- \* Kantano incite les gens à aller se battre contre les Inyenzis.
- \* Communiqués.
- \* Ananie nous parle des combats qui se poursuivent dans différents quartiers de la ville de Kigali.
- \* GAHIGI Gaspard remercie tous ceux qui sont sur les barrières et les incitent à aller se battre à Gatsata et à Kanombe.

## FACE A

Orateur : NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM. 00min01sec

...ayi ugeze nko mu kigero cy'imyaka mirongo itanu, wirirwa mu modoka ya MINUAR agahanga yagataze, yavuze rero yuko ngo "aho yagiye Inkotanyi" ngo "ziri" ngo "yasenze hameze neza abana bakina umupira" ngo "umujiyi wa Kayonza" ngo "umeze neza", ngo "ubuzima mu mujyi wa Kayonza"..., nimwiyumvire ra! "Mu mujyi wa Kayonza" ngo "ubuzima bumeze neza kurusha mu mujyi wa Kigali".

Cyokora umunyamakuru yamubajije niba koko Inkotanyi hari icyo zahakoze ee... mu buryo bwo gutunganya abaturage. Ati "nabonye cyokora abantu bateranye basa n'abari muri meeting" ati "iyo meeting nkabonamo ba... hari abantu bari bambaye imyenda y'amakaki bikaba bigaragara ko hari aho bari abasirikare ba FPR batangaga ibisobanuro byo gucubya propagande itangwa n'uruhande rw'u Rwanda". Ati "igitangaje rero ni iki ngiki ku munyamakuru" ati "kandi iyo meeting yarimo Abahutu n'Abatutsi". Ko rero nk'umuntu w'Umuzungu..., n'Inkotanyi ubwazo ntizemera Abahutu n'Abatutsi uretse. Iyo zigiye kwica zireba ku irangamuntu no ku ru (inaudible). Naho Umuzungu rero kuvuga ngo iyo meeting yarimo Abahutu n'Abatutsi, byabereye hirya iyo za Kayonza. Murumva yuko uwo atari umunyamakuru ahubwo ni "umupropagandiste" w'Inkotanyi, ni yo mpamvu ku ruhande rwacu tumwamaganye.

Kandi ikindi yavuze atazi, ni ukuvuga ngo "Abahutu barava muri Tanzaniya (Tanzanie) bagaruka"... ngo "bagaruka buhoro buhoro muri ako gace ka Kinihira".

Twavuze rero ku byerekeranye n'inama ya OUA igomba kubera i Tunis y'abakuru b'ibihugu tuzahagarirwamo n'umukuru wacu Nyakubahwa SINDIKUBWABO, iyo nama iziga ku buryo bw'umwihariko ku kibazo cy'u Rwanda, ikibazo cy'u Rwanda gikomeje guhangayikisha abantu. Président Omar BONGO wa Gabon we yavuze ko u Rwanda ngo "bakwiye kurushyira mu maboko

ya ONU", ariko ibyo sinzi uko abyibaza, ari njye na we mu minsi itaha igihugu cye bagishyira mu maboko ya ONU, ahubwo ibyo tubona twebwe ni uko Abanyarwanda tugomba kurangiza ikibazo cyacu tugahora twibuka ijambu Umukuru w'ighugu yajyaga atubwira ko "ak'imuhana kaza imvura ihise".

02min01sec

Kubohoza igihugu cyacu rero, reka tukibohoze tdategereeje akazava muri Loni kuko akavuye muri Loni twarakabonye na MINUAR, MINUAR yongerewe igine ee... kugeza ku itariki ya cyenda y'ukwezi k'Ukuboza uyu mwaka. Nta keza kazava muri MINUAR, nta keza kazava muri OUA.

Nibagiwe kubabwira ko ba bandi b'Inyenzi bari i Tunis ubu babahaye ngo kwicara mu nama, ariko bakitwa abatumire b'Umunyamabanga Mukuru wa OUA. Biratangaje rero nta Munyamabanga Mukuru wa OUA wakwitumirira abantu ku giti cye, OUA si iye, si urugo rwe, ahubwo OUA ni... ni iy'igi... ni iy'ibihugu byose bifite ubusugire bwabyo. Nta kuntu rero yajyaga gutumira kariya gatsiko k'abagizibanabi.

Na none ku kibazo cy'u Rwanda, Alpha-Omar KONARE, ni Président w'ighugu cya Mali, yavuze yuko rwose mu by'ukuri ibibazo byabereye mu Rwanda bikabura gikemura ari isoni kuri Afrika yose.

Nagira ngo ndangirize kuri aka kantu ka Muhabura, rya jwi ry'Abatutsi, kuko mu by'ukuri ni bo basigaye bibwira, bakiyumva, bakikomera mu mashyi, bene ibyitso bikiriho bitari byabanga na byo, ibyitso bikiriho ni byo byapfaga kubumva ariko noneho i...yo nkoramahano y'iradiyo yavuze ko ngo inshingano z'Inyenzi atari izo gufata Kigali, ahubwo ari izo kubohoza igihugu cyose.

Birumvikana ko batibagiwe kwamagana Kantano, Kantano ukorera hano kuri RTLM, kuko nabonye na we mubibateye ubwoba arimo. Nakomereze aho, RTLM nikomereze aho. Mbibutse ko kuri ya masaha mirongo ine n'umunani bari baduhaye yo gufata Kigali, none Muhabura ikaba ivuga yuko gufata Kigali atari yo nshingano, ubu uyu munsi turi ku isaha y'ighumbi na magana atanu na mirongo itatu n'eshehatu. Mwiriranwe na RTLM, reka mbasubize Vlériya.

Orateur : **BEMELIKI Valérie, journaliste de la RTLM.** 04min00sec

E... murakoze rero, urakoze Bwana NKURUNZIZA Ananiya, utugejejeho ibyo amaradiyo (inaudible) yavuze, n'Abanyarwanda na bo bashoboye kwikurikiranira, bamaze kubona ubugome bw'Inyenzi-Nkotanyi nta gihe kandi tutabivuze. Twabivuze kuva kera reka ne kugumya kurangara ngo ngire icyo mbivugaho aka kanya, ndibuze kongera kubigarukaho mbibabwire ngo mbabwire icyo mbitekerezaho nubwo nyine aya makuru nari nashoboye kuba... kuyabaciramo muri makeya, mbabwira ibintu ibyo ari byo ariko ubu ngubu NKURUNZIZA Ananiya yabiduhaye ku buryo burambuye, ariko turi buze kongera kubigarukaho tugire icyo tubivugaho. Mube rero mwumva aka karirimbo. (Un bref silence) (Musique).

...yari yateranye, twahoze tubivuga twibaza niba koko iyo nama iri buterane, twe tukavuga tuti ishobora kutari busubukurwe kubera ko twavuggaga ko abagombaga kuyiyobora bo muri MINUAR bari bakiri i Nairobi bari bataragera ino aha, twibaza tuti iriya nama ishobora kuba iri busubikwe. Ariko ntabwo yasubitswe, iyo nama yaje guterana iyoborwa na Général DALLAIRE ari we uhagarariye ingabo z'Umuryango w'Abibumbye hano mu Rwanda.

Iyo nama rero urebye, yagombaga kwiga ku byerekeranye no guhagarika imirwano ariko ba... ba... batandukanye nta kintu igezeho cy'ingenzi, usibye ko koko nk'uko Ananiya yabibabwiraga DALLAIRE we yatangarije amaradiyo y'amahanga ko ngo "iyo nama igikomeza" ngo "ko kandi yageze ku bintu bishimishije". Kandi iyo nama na bwo ntabwo yigeze asobanura ibyo bintu bishimishije yagezeho ibyo ari byo. Nyamara kandi iyo nama rero ejo ikaba itararangije imirimo yayo, ikaba iri bukomeze uyu munsi ikagira... ikigira hamwe..., aho... izo ntumwa zombi zikigira hamwe inyandiko y'imbanzirizamushinga yo guhagarika imirwano.

Tugarutse rero kuri iyo nama, iyo nama ngo iyobowe na DALLAIRE, DALLAIRE rero ntabwo... nta Munyarwanda n'umwe utamuzi, nta Munyarwanda n'umwe uyobewe ukuntu yitwaye, ukuntu yitwaye muri iki gihugu cyacu mu gihe atari yara... atashoboye gusohoza ubutumwa yari yarashinzwe

n'Umuryango w'Abibumbye binyuze mu Mutwe w'ingabo zaho, MINUAR, ari we waru ushinzwe kuziyobora.

06min07sec

Turibuka byinshi yagiye akora, mukubikora akagenda akora agira ngo FPR ibe ari yo ishobora ku... kuba yatsinda cyangwa se yamererwa neza, cyangwa se ikagaraga... akagaragaza ko MINUAR igithe yabaga ikoze amakosa ko itari mu makosa. Ibi byakunze kugaragara ku ruhande rwa DALLAIRE, bigaragara igithe kinini igithe bamubwira bat "Inyenzi-Inkotanyi ziriho ziratwara abantu kubigisha ibya gisirikare, Inyenzi-Inkotanyi hariya twabahaye e... kuri CND kugira ngo bahashyire bataillon y'abantu magana atandatu gusa bashinzwe kurinda abakuru babo, twe turabona Inyenzi-Inkotanyi ziriho zizana izindi nyinshi ndetse bakazana n'intwaro", bat "turabona Inyenzi-Inkotanyi ziriho zikorana n'abasirikare bari muri MINUAR b'Ababiligi bagenda bashinga ibirindiro aho bashobora kuzatera umujyi. Tukaba tubona intambara izabyuka hano muri uyu mujyi".

DALLAIRE yateraga hejuru akavuza iya BAHANDA ati "reka reka, ibyo mwibikozwa, mwibivuga ntabwo biriho, twe dufite ibyuma kabuhariwe, ibyuma bihambaye byo kugira ngo tubone abantu niyo haba ari ninjoro mu gicuku kimeze gite twebwe turababona". Nyamara ibyo byose twagiye tubimubwira, ntibyatize tariki ya gatandatu Matabihita biba.

None Dallaire na none ngo ni we uyoboye iriya nama. Iriya nama arayiyobora ku buhe buryo? Iyo umuntu rero ashishoje, asanga Inyenzi-Inkotanyi zimaze gutsindwa, zitsinzwe ndetse uruhenu nubwo bwose hakiri utu... udutsiko twa bamwe tw'Inyenzi-Inkotanyi tugeze kuri dutanu, dutandatu aho ku ma barrières, aho hehe. Ibyo ari byo byose bigaragara ko Inyenzi-Inkotanyi na zo ubwazo zumva ko zatsinze nkanswe ko n'ubundi ee... Inyenzi nkuru, Inyenzi yayi... yadushumurije izindi Nyenzi ari we MUSEVENI, na we yiboneye ko Inyenzi-Inkotanyi zidashobora gutsinda uru rugamba, ndetse turageza n'aho e.. KANYARENGWE ubwe avuga ko e... ko "batahagurutse bagira ngo bafate" ngo "umurwa mukuru", ariko nyamara twe turibuka ko mbere hose ari byo batangazaga ko ndetse na KAGAME uriya yavugaga ko mu masaha mirongo ine n'umunani agomba ariho... kuba ariho agenda muri capitale y'u Rwanda. Ibyo rero basanga bitazabashobokera, muri uko rero kutabisho...

kutabashobokera bo bakajya... bagashaka kugira ngo barebe na none uko bakwitwaza MINUAR kuko yari yarabashyize... yari yarabahaye ibyo batagombaga, kuko yaborohereje kugira ngo imirwano ibere muri Kigali na none bayitwaze cyane cyane ibinyujije kuri DALLAIRE wakomeje kubogamira ku Nyenzi-Inkotanyi kugira ngo n'iriya mishyikirano barimo e... itume mbese ibyo FPR isaba ari byo byubahirizwa.

09 min 07 sec

Aha turasanga twasaba Guverinoma y'ighugu cyacu, Guverinoma twise iy'Abatabazi ko batari bakwiye kugwa muri uriya mutego wa DALLAIRE ngo bemere byanze bikunze ibyo Inyenzi-Inkotanyi zisaba mu gihe natwe ibyo dusaba Inyenzi-Inkotanyi zitabyemera. Niba babyemeye ni ukuvuga ko mu by'ukuri icyo gihe cyose uzasanga ko u Rwanda rurimwo ibice bibiri, cya gice kiraho... tuvuga ko kigenzurwa n'ingabo z'u Rwanda usanga kirimo Abanyarwanda benshi cyane kandi banazishygikiye, ukazasanga hari na cya gice ee... cyitwa ko ngo kigenzurwa n'Inyenzi-Inkotanyi usanga ko nta bantu barimo, nta bantu bahatuye ahubwo ari imirambo yandagaye ahantu hose noneho Inyenzi ahubwo zagasa... zakora uko zishoboye.

Muribuka ko mu ntambara, igice cya mbere cy'iyi ntambara, muribuka abantu bagiye bava mu byabo bagahunga, Inyenzi zaragendaga zikazana impunzi zazo zo mu Bugande (Uganda) zikaza zikabatuza aho hantu. Ni ukuvuga ko na none rero Inyenzi ari cyo kintu zishaka kugira ngo zizazane abo... impunzi zazo zo mu... e... zo mu Bugande (Uganda) ari izagiye kera cyangwa se vuba, zibatuze muri aho karere maze zizavuge ko aho hantu ari ahazo, ko mbese hari... hari abaturage kandi mu by'ukuri nta baturage bahari.

Ni ukuvuga rero ko, ibyo bigomba kwigirwa muri iriya nama ari ukubyitondera bakareba impande zombi kuko ubwo bafite kwiga ibyo Inyenzi-Inkotanyi zisaba, no kwiga igitekerezo cya DALLAIRE, DALLAIRE ntawumuyobewe ntadutege imitego kuko n'ubundi ntabwo ari we wari watangiye kuyiyobora, hari undi muntu wo mu... wo muri MINUAR ni we wari watangiye kuyobora iriya nama ariko kubera ko atashoboye kuza ubwo yenda babihaye DALLAIRE ariko ni ukubyitondera, dore ko Abanyarwanda twasabye kenshi..., twasabye igihe kinini ko uriya DALLAIRE yagenda, ko tuzi ko

ari we waduteje ibi bibazo byose turimo, kuko igihe cyose yagiye agaragarizwa ibimenyetso simusiga byerekana ko intambara igiye kubera mu murwa mukuru, yagombaga na we kumva, kumvisha Inyenzi-Inkotanyi ko ibyo bintu atari byo aho kugira ngo yiterere hejuru ahakane. 12min00sec

Ibyo rero ni ukuvuga muri iyo nama ko abantu bari bakwiye kugendera hafi Général DALLAIRE uriya kuko na none ari undi mutego wo kugira ngo... kuko babona ko Inyenzi byazi... byazirangiriyeho bazitize undi murindi, bazishakire izindi nzira noneho zishobore kuba zagera ku gufata ubwo butegetsi cyangwa se ku ugufata Kigali. Ibyo bintu rero ni ukubikurikiranira hafi.

**Orateur : HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM. 12min03sec**

... RTLM, Radiyo yanyu ivugira hano i Kigali, ku mirongo y'ijana na gatandatu na mirongo cyenda na kane. Abatwumva mwese aho muri hose, aho mutwumvira hose:

- I Ngara muri Tanzaniya (Tanzanie).
- Abatwumvira mu Burundi.
- Abatwumvira muri Uganda.
- Abatwumvira muri Zaïre.
- Abatwumvira i Gitarama.
- Abatwumvira i Butare.
- Abatwumvira ku Gikongoro.
- I Cyangugu.
- Ku Kibuye.
- Ku Gisenyi.
- Mu Ruhengeri.
- Abatwumvira i Kibungo.
- N'abatwumvira ee... hano muri Kigali-Ngali no muri Kigali y'umuji, mwese mwese turabaramukije. Ni Habimana Kantano muri kumwe muri iki gitondo, ari kumwe na 2 Ntezimana Jean

ari we ubagezaho ee... umuziki n'ibindi byose ndetse mukeneye kugira ngo uyu munsi wo ku itariki... uyu munsi wo ku wa mbere itariki 30 z'ukwezi kwa gatanu igihumbi kiinwe magana cyenda mirongo cyenda na kane kugira ngo mwiriranwe akanyamuneza.

Inkuru rero ya mbere y'uyu munsi ni iyithe? Hano muri Kigali biraturagurika, biraturagurika, biraturagurika cyane abanyabwoba ndetse ubu ngubu umenza bihishe mu buriri, bihishe mu buriri ariko rero hinga mbabwire ko ntabwo ari bibi ni inkuru nziza, ni inkuru nziza. Izo ni ingabo zacu nyine mu gitondo zazindutse mu museso zikocagura Inkotanyi ku buryo rero nyine ubu ngubu izi Nkotanyi zirimo zimera nabi cyane ku buryo zirimo ziranyagirwa n'umuriro, zirimo ziranyagirwa n'amamasu, mbese ibyo bintu bituragurika rero nkuko maze kuzenguruka hirya no hino mu mujyi wa Kigali, ni cyo cyatuma nkererwa, ntibibatere uwobwa na gato, ntibibatere uwobwa na gato.

13min07sec

Ndabamenyesha yuko uyu... iri joro Inkotanyi zagerageje gucengera, zagerageje gucengera zishaka kuza gufata ngo Collège Saint André, Collège Saint André i Nyamirambo birazinanira, ubu rero barimo barazirukankana aho hose mu bitoki zirukanse za... zashize. Hanyuma na none Inkotanyi zagerageje kwinjira mu Muhima, hari udukotanyi tugomba kuba twashoboye gucengera ahantu haruguru, ariko rero na none ubu barimwo barirukanka baraduhiga hirya no hino, hanyuma za Gisozi hehe hose, mbese Inkotanyi ubu ri... ziri mu byago bikomeye.

Ibyo biturika ntibibatere uwobwa, ni ingabo z'u Rwanda zirimwo zicocagura Inkotanyi. Kandi birumvikana, birumvikana mujye mumenza... mumaze kumenyera intambara, mujye mumenza icyo bavuga bati "aba bantu ni bo bafite initiative".

Ibyo rero biturika, iyo nta kintu mubona kigaruka mu mugi kikahisenyura cyangwa kikahaturikira, birumvikana yuko ibiba biturika ari iby'ingabo z'u Rwanda. Ubwo rero abantu bavuga ngo "ye baba we, ngo umva icyo kintu"! Kuko harimo uru... uruntu runini cyane bita ngo "*quadruple*", ni uruntu rucira amamasu igihumbi mu munota. Ubwo rero iyo mwumva ru... ruvuma Inyenzi ruvuga ngo "pupupupupu muragatsindwa", ni ikibunda cyacu cya kabutindi kiba kizivumerezaho amamasu menshi

cyane, icyo kibunda ndabizi kivuga nabi hari abantu gitera ubwoba. Ariko rero nta kundi byagenda iyo umuntu yatewe, yitabaza uburyo buhambaye. Icyo kibunda rero bita "quadruple", muzakibona ni ikibunda cy'iminywa ine kivubura amasasu igihumbi mu munota, ubwo rero murumva iyo kivumye Inkotanyi ngo "pupupupu" ntimukagire ngo ni Inkotanyi, ni ingabo z'u Rwanda ziba zivuma izo Nyenzi, izo mburagasani zizirundamo amasasu kugira ngo zishire, zipfe hanyuma noneho mbese ibyazo birangire.

16 min 00 sec

Ubwo rero iyo nkuru, hari abantu bo ku Muhima bagize ubwoba ngo "ye baba we", ngo "bite"? Mukomere rero ku Muhima, nta cyabaye. Murabona ko ni ku manywa, ahubwo mufashe ingabo z'u Rwanda muzereke ahantu Inyenzi yaba yihishe niyo haba ari muri W.-c muyifate hanyuma noneho muyihe uruyikwiye.

Hanyuma aa..., hari utundi tugenda dushaka kunyegera muri Mpazi, aho rero mugende murunguruka muri Mpazi na bwo murebemo ko hari akaba kagiyemo kishwe n'amazi na ko mugahondagure. Hanyuma ubundi..., i Nyamirambo na none hari akabunda karimo gaturikira hejuru, ako kabunda rero gaturagurika, mujye mumenza amayeri y'Inyenzi, ni ugutera ubwoba. Ako kabunda kagomba kuba kihishe-ahantu hafi yo kw'i Rebero, ntabwo rero kari hafi. Ahubwo iyo bakarashe gaturikira hano, kagaturikira hirya, kagaturikira hirya ngo "turiturituri" ukagira ngo Inkotanyi ziri aho hafi yawe. Ni ukubeshya rero ako kabunda kari kure, nyuma amasasu yako aranyura mu kirere, mbese ni ukugira ngo aturike gusa atere ubwoba abantu bakeke yuko Inkotanyi zihari. Ariko muhumere, nta Nkotanyi zihari kandi murabibona yuko ingabo z'u Rwanda ari nyinshi.

Mu kanya rero na none nyuze ku... ku basore ibihumbi n'ibihumbi barimwo bitoza ibintu byimirwano, abo ngabo na bo ee... ni abashaka kwinjira mu gisirikare, ariko na none mpuye n'aba... mpuye n'amamodoka menshi cyane y'abasirikare b'u Rwanda na bo bagenda nyine bajya aho hose ee... ibyo ngibyo birimo biturikira.

Ubwo rero ako kabunda gaturikira i Nyamirambo, mwiyicarire gusa ahantu..., yego si ngombwa ku...

kugenda umuntu ari hanze gutyo ariko mwiyicarire ahantu ku mabaraza mukihorere gaturagurike murabona ko nta we gafata nta ki, ni kwa kundi kw'iterabwoba nyine ry'Inyenzi-Nkotanyi murabibona. Aka kabunda ni ko kameze umenza ngo bakita "milu", gaturagurikira mu birere ukumva turituri, uri hepfo akumva karaturitse, uri mu Nyakabanda akumva karaturitse, uru ruguru akumva karaturitse ariko rero kaba kari kure, ni iby'iterabwoba by'Inyenzi murabibona yuko Inyenzi mbese ikintu zikoresha ni iterabwoba gusa.

17min09sec

Hanyuma rero nk'uko nabivuze, mu Muhima, utwo tunyenzi twaraye tugerageje kuha...kuhacengera njoro ibyo ari byo byose muduhumbahumbe.

Hanyuma impunzi na none murimwo mubona hano muri uyu mujyi, abari hariya ku isoko aho mvuye mwabibonye, ee... izo mpunzi rero ni izivuye muri Sainte famille. Ni izivuye muri Sainte famille kubera ko Inyenzi-Nkotanyi mu bugome bwazo zirimo ziratera amasasu aho abantu bari barahungiye, nyamara aho hantu ni ho hari harahungiye Abatutsi benshi b'abakene, ni ho hari harahungiye abantu bo ku Kacyiru none Inyenzi zirimo zirahatera ibisasu byinshi cyane kubera nyine ko zakozwe n'isoni, kubera kwotswa igitutu n'ingabo z'u Rwanda noneho nyine ba... ba... aho kugira ngo barase ku ngabo z'u Rwanda ahubwo bagahimbira ku... ku mpunzi zari zimerewe nabi. Nibwo rero mubona abo abantu bafite utu... udufuka n'uturago, ni abo ngabo mubona bari hafi mu Gakinjiro, abo mubona birundanyije mu Gakinjiro hafi y'aba... ya... ya Kiliziya y'Abapentikoti.

Ubwo rero na none ntihagire ababona abo bantu bavuye kuri Saint André nako kuri Saint m... Sainte Famille hariya bari barahungiye, na none ngo bimere nka ba bandi babonye abantu bavuye i Kanombe bagahita bahambira ibyabo. Abo bantu bavuye kuri Sainte famille kubera ko Inkotanyi zirimo zibaresaho.. ibisasu byinshi cyane noneho ba... bakaba bikinze hirya (il tousse) bakaba bazibishiye.

Ubwo rero ntihagire abababona ngo bavuge ngo byacitse, ngo bya bindi byaturagurikaga ngo umenza koko ngo ari. ibiki. Mumenze gusa yuko ibituragurika ni iby'ingabo z'u Rwanda, kandi byose biragenda bigwa ku Nkotanyi ari na ko zipfa, zirapfa nyine ari nyinshi cyane ku buryo umuntu yibaza

yuko ingabo z'u Rwanda nizibikora iminsi ibiri itatu mbese Inkotanyi zizaba zishize, ee... dore ko ziroha ni nk'intozi, nta wamenya ukuntu zimeze ni abasazi, icyakora ngo MUSEVENI yarababwiye ati "ntihazagire ugaruka", koko inkuru igiye kuba impamo nta... nta zizongera kugaruka kuko mu by'ukuri zirimo zirashira, zirimo zirashira ku buryo buteye... bwagombye gute... bon, burashimishije kuri twe ariko rero bwagombye gutera agahinda KAGAME alias KAGOME.      19 min 08 sec

Ubwo rero na none inkuru ivugwa, inkuru ivugwa n'amaradiyo yo hanze ni inkuru ivugwa ngo "Guverinoma" ngo "na none" ngo "yahunze", ngo "ibintu byacitse". Ibyo rero ni ukugira ngo nyine abo banyamakuru b'Abafaransa batere agahe... batere ii... batere ingabo mu bitugu Inkotanyi, iyo babivuze rero ku maradiyo yabo nyine ubwo amaradiyo... ubwo abanyamahanga bafasha Inkotanyi baravuga bati, eh! Za Nkotanyi uzi ko ari ibikenya! Ziratera intambwe, ziragenda hirya no hino igihugu zakiyogoje, ariko kenshi ni ibantu gusa byo ku... byo... byo kubeshya ngo Guverinoma yahunze.

Guverinoma se yahunga ihunga iki? Ko n'i Gitarama bitari uguhunga ko kwari ukwigirayo. Ariko na none ibonye ahandi yakwigirayo yakwigirayo, hanyuma noneho Inkotanyi zibeshya ngo zigiye... zishakaramayer yose yo kuyogoza iguhugu, zikabeshya ngo zirimo zirahiga Guverinoma, Guverinoma wahiga abantu cumi n'umunani ukarinda kwica abandi ibihumbi n'ibihumbi ngo urimo urahiga abantu cumi n'umunani? Wabahiga se wamenya bari hehe"

Ubwo rero ukabona yuko nyine ibyo ni ibantu by'ibigambo bishaka guha "morale" ngo Inkotanyi, abantu bumve ko ari igitangaza ngo zirukana abantu cyane, ni bo ba... ba... ayo maradiyo ni yo wumva avuga ngo..., ngo... ngo umujyi wa Kigali wafashwe kandi Inkotanyi zigisiragira mu... mu... muri za... aho ziri ukayoberwa aho zageze bikakuyobera.

Hanyuma hariya rero na none ku gipande cyo ku Karambo ubwo ingabo z'u Rwanda na zo... na ho zirimo zira... zirabuza Inkotanyi ku... kutwibira ibishyimbo hariya muri MAGERWA, ee... dore ko Inkotanyi nyine zashonje zirimo zirasha kumanuka kwiba ibishyimbo, zimanukiye hariya ku Karambo

ku buryo rero barimwo barazibuza kwiba. Hanyuma urabona abantu baje kwigira ingegeera mu gihugu nta... ni uko nyine ni ukubamerera nabi bakabaha ibihano bibakwiriye. 21min05sec

Ubwo rero icyo nababwiraga mbese, ikintu cya ngombwa ni uko e... koko hari ibintu biturika mu mujyi, hari ibintu biturika mu mujyi ariko ntabwo ari mu mujyi, hari abantu batumva neza ibunda. Iyo mwumvise uru... uru... urusasu runini cyane rushidutse mu mujyi, e... ruba rugiye guhonda Inyenzi ntabwo ari Inyenzi ziba zirw... zirwohereje mu mujyi. Ubwo rero ruba ari urwacu nti mukagire ubwoba ngo yooh, ngo umva ngo biraturikira hafi! ho.ah... (sourire) biba biturikira hano hafi nyine mu mujyi kubera ko biba bijya... bigiye kureba Inyenzi iyo ziri bikazigu... bikazigwira hariya Kacyiru aho twihishe, hariya hose aho barimo bacukura ibijumba baturira inyumbati dore ko bigize ingegeera.

Ubwo rero ntimugire ubwoba rwose mukomere, abari hirya ya Kigali mwumva ibintu biturika ni ibyacu turimo turahondahonda Inyenzi, hanyuma noneho kugira ngo imishyikirano iza kuba uyu munsi ize kubona nyine n'aho ibera umuntu ahumeka neza, Inyenzi umuntu atakizumva hafi.

Nguko rero uko bimeze muri iki gitondo cyo ku wa mbere itariki mirongo itatu z'ukwa gatanu mironge cyenda na kane. Abumva RTLM mwese mukomere, mwese mwese mukomere ku muheto, mukomere murwanire igihugu nta kuntu abantu b'ingegeera bava za Uganda na hehe bitwaje ibice bya Kalachinkov by'ibibunda byashaje ngo batwirukane mu gihugu cyacu, ibyo bintu byaba ari isoni nta n'ahantu twazajya tujya ngo baduhe amazi ya riba.

Muz... hanyuma abasaba rero imbunda, abasaba imbunda na zo ee... hari abamaze kumenyesha yuko zimaze kuboneka, zimaze kuboneka, hanyuma rero abasore mu... mukomeze imyitozo ejo cyangwa ejobundi ntabwo bizarenza mutabonye imbunda, hanyuma noneho tujye kuvumbura Inyenzi ahantu zihishe hose, mu Gatsata tuhaboheze tukureyo utunyenzi duhari tw'utubwa, ejo natubonye muri kiliziya sinzi u... ibintu twakoraga, ariko Inyenzi rwose ni abiyahuzi. Icyo kiliziya sinzi niba barasengaga, ariko se wasenga gute uri umugome? Bari mu kiliziya kiriya cyo hakurya cy'aba... cy'Abapentikoti hariya mu Gatsata bari mu madirishya barunguruka, heh... wagira ngo igihugu...

bararunguruka se iki? Bariya bantu rwose ni abasazi ntabwo mbona ukuntu bameze.

Ubwo rero ibikoresho nibimara kuboneka, bitarenze ejo cyangwa ejobundi tuzajya gukubita ziriya Nyenzi tuzirukankane mpaka mpaka tuzigejeje muri... kuri Rusine byibuze, hanyuma noneho ubundi dukomeze umujyi wacu.

Nguko rero uko ibintu bimeze, mukomere abumva RTL M mwumve uyu muziki. (Un bref silence)

23min04sec

Bonjour Gahigi. (Un silence de quelques secondes)

23 min 07 sec

(Musique instrumentale: "*Bene SEBAHINZI bararutanze*", chanson de BIKINDI Simon).

...ri yose ziri aho MINUAR yasisize, zirukanka i Kagugu, zirukanka mu bisa... e... mu bi... mu bisigazwa bya CND, zirimwo zirkunkaka mu bisigazwa bya... bya... bya hôtel hirya iriya e... nako hariya ku i Rebero, ubwo se urumva zarigejeje hehe? Zigejeje ku ki? Kwibwira rero ko zizisukuma..., ariko nta wuzibujije nizisukume zize zishire kuko nabibonye neza, nabonye abasore birukaga muri iki gitonda ndareba ndareba.aa..., abasore benshi cyane koko bavuduka bat "nimureke tujye guhonda izo nkenya"! Ndavuga nti icyakora koko Inkotanyi amaherezo zizashira. Ziravuga ngo zizajya i Gitarama ngo zirukanka zigere i Cyangugu zigere he.

Abantu bose, Abanyarwanda bose, mirongo cyenda ku ijana bahagurukiye rimwe bareba ikintu bita "Inkotanyi", ikintu bita "Inkotanyi" gusa bazagihiga mu Rwanda hose ku buryo kizacika ahubwo kikanatekereza no kutazagaruka i Rwanda. Nibakomeza kwiyahura kuriya bazashira. Nk'ubu koko ibaze, abo basore bose ni bamara kubona imbunda, mu makomine yose abantu bose ni ko bashaka imbunda kandi abo bantu bose ni Abahutu gusa, maze se koko ubwo Abatutsi icumi ku ijana bazabona urubyiruko nubwo bazana n'impunzi na ki, bazabona urubyiruko koko rungana n'urubyiruko rw'abantu mirongo cyenda ku ijana?

Ndakeka yuko ni ukwiyahura, nizere ko imishyikirano y'uyu munsi ituma imirwano ihagarara hanyuma noneho Inkotanyi zigatekereza zikareba ibyo zigezeho zikireba zikibura, kuko no kwirukanka ngo zigeze za Nyamata, zigeze za Ruhango, zigeze gute na byo nta kwiyahura kurenze uko.

26min00sec

Ese nk'ubu Inkotanyi ko tubizi neza, tumaze kumenya neza ko inyuma ntazahasigaye ko zaje zirukanka zimwe zije gufata Kigali, izindi zirukanka zijya mu Bugesera ngo zirukanke zijya i Gitarama, ubu koko uwanyaruka agafunga umuhanda wa Rwamagana mu byo bita "*contre offensive*" kandi ko ari byo bigye kuba, Inkotanyi zagiye muri Sake zazama... uwagenda agafungira i Zaza Inkotanyi zagiye muri Sake zazavanwayo n'iki? Izagiye se muri Mugesera,? Iziri mu Bugesera se zo zanyura he? Za...zakwiruka zigana hehe? Hnin? Kereka kwirukanka zigana i Burundi, ni cyo gisigaye rero. Kugenda wiyahura hirya no hino mu bantu batagushaka batagukunda ni ukwigerezaho, ni kimwe no kuza mu mujyi mu mujyi nta byitso bisigayemo, hasigaye abantu binywera urumogi gusa bategereje Inkotanyi, hasigaye abasirikare barakaye bavuga bati uyu mujyi w'u... w'u Rwanda, kapitali y'ighugu cyacu ntishobora gufatwa. Icyo gihe abasirika... icyo gihe a... abaturage ntabwo... nta kizere bakongera kugirira ingabo, tugomba kuwupfiramo. Ubwo rero niba ..babishaka gupfiramo, Inkotanyi niba zishaka gushiriramo koko nizize kuko iyo umuntu ashaka kwiyahura ukamubuza, ukamubuza, ukumubuza nta kuntu abanyamahanga batabwiye Inkotanyi bati "nyabuneka nimugirane imishyikirano nta bibazo byigeze birangizwa n'intambara".

- N'intambara y'isi yarangijwe n'imishyikirano.
- N'intambara ya... yo muri Viet-nam yara... yarangijwe n'imishyikirano.
- Izo muri Angola.
- Izo muri Mozambique, iza hehe hose, kandi n'iyi ngiyi Inkotanyi zari zashoje muri mirongo cyenda yari yararangijwe n'imishyikirano.

None se ubu Inkotanyi zizayirangiza n'intambara, intambara se koko zizayishoboza iki <sup>74</sup> abana b'Abahutu bose bahagurukiye rimwe bavuga bati mwene Gatutsi ntabwo tumushaka mu gihugu

cyacu, yabigenza ate koko? Ubwo rero nizere yuko mbumva inama babagira n'abanyamahanga babagira. Ubwo tuvuze inama nibuka iriya ARAP MOI yatumije, ARAP MOI wo muri Kenya. Iriya nama rero atumizamo MOBUTU, atumizamo ee... MWINYI, nako at... yego atumizamo MWINYI, atumizamo kiriya cyihebe MUSEVENI.

27 min 09 sec

Mu by'ukuri e... nubwo hari Inkotanyi nyinshi i Nairobi ariko hari ikibazo cyahindutse abantu batamenye, Inkotanyi kandi ntabwo zigeze zibimenya ko ibyo bintu byahindutse. Ni uko Inkotanyi zajyaga i Nairobi zikigira akari aha hajyahe mu mahotel, ariko nk'uko mugenzi wanje GAHIGI Gaspard yabibabwiye, ubu noneho mu mahotel y'i Nairobi ntihakirimwo Abatutsi gusa n'Inkotanyi harimo n'Abahutu bahunze. Abo Bahutu rero na bo baravuga iby'Abahutu, bagacengeza iby'Abahutu ku buryo rero Inkotanyi nta... ntabwo zikivuga zonyine, <sup>na</sup> Roger BOH BOH ari i Nairobi kandi izo Nkotanyi nta gihe atazibwiye..., yakurikiranye imishyikirano yose yabaye, akurikirana i... inama zose Président wa Repubulika yayoboraga zikageza mu gitondo, zikageza he. Ariko amara kureba neza ko Inkotanyi zirimo zishiramo amananiza.

